

REPUBULIKA Y’U RWANDA



MINISITERI Y’UBUTABERA  
P.O. BOX 160 KIGALI

**IJAMBO RYA MINISITIRI W’UBUTABERA / INTUMWA  
NKURU YA LETA RIFUNGURA INAMA RUSANGE  
Y’ABAKOZI B’UBUSHINJACYAHA**

**NOBLEZA – TARIKI YA 13 UKWAKIRA 2018**

Bayobozi muri hano,  
Bashinjacyaha mwese,  
Bakozi b’Ubushinjacyaha,

Ndashimiye cyane ko mwantumiye kubatangiriza iyi nama. Iyi nama irabahuza mwese nk’Urwego, ibafasha kurebera hamwe ibyagezweho umwaka usojwe n’ibiteganyijwe mu mwaka uri imbere. Ubushinjacyaha ni imwe mu Nkingi zikomeye z’ubutabera mu Rwanda.

Imyaka ishize irenga gato 20 Ubushinjacyaha bwacu bukora imirimo yabwo, bwiungura ubumenyi, bunoza imikorere, bwagura ibikorwa. Icyo gihe cyabayemo amavugurura menshi agamije ko uru rwego rwuzuzwa inshingano zarwo.

Bwana Umushinjacyaha Mukuru, bayobozi namwe bashinjacyaha,

Nagira ngo mbashimire ubumenyi, indangagaciro, umuco, imikorere n'imikoranire bimaze kugerwaho. Mushinzwe gukora iperereza ku byaha bitandukanye, gukurikirana ibyaha, gukora ubushakashatsi, gutanga no kubika inyandiko zerekana abahamwe n'ibyaha, kurengera no gufasha abakorewe ibyaha n'abatangabuhamya bakeneye ubufasha, kugira uruhare mu ifungurwa ry'agateganyo, mu itangwa ry'imbabazi, muri politiki y'ikurikiranwaho, n'ibindi byinshi. Izi ni inshingano zikomeye zikeneye imbaraga n'ubushishozi bihoraho.

Urwego rw'Ubushinjacyaha rumaze kuba ubukombe ndetse n'uburyo bwo gukora n'ibikoresho ahanini byaranogejwe. Muri urwego rukorwamo n'abantu, mugomba kwibuka iteka kwitwararika uburenganzira bw'abo muyobora no kumenya iteka ko bishimiye gukorera Urwego.

Abanyarwanda babatezeho ubutabera. Akazi mukora kagomba kwita ku burenganzira abantu bahabwa n'amategeko. Kurinda igihugu ibyaha no kubahiriza uburenganzira bw'abantu bigomba kubabera ikibaranga gikomeye kuko bigomba kujyana.

Amategeko ahindurwa kugira ngo ikurikirana cyaha rikorwe neza. Mujye mwita ku kuyakurikiza.

Muri iyi nama mugire umwanya wo kwinenga, ibitagenda neza mubinoze, abadakora neza bakeburwe.

Ndabashimiye kandi mbafunguriye iyi inama.

Mugire ibiganiro bitanga umusaruro.

---